IMYANZURO Y'INAMA NYUNGURANABITEKEREZO YATEGUWE NA SENA KU MITERERE Y'IBYAHA BYAMBUKIRANYA IMIPAKA N'INGAMBA ZO GUHANGANA NA BYO YO KU WA 17 MUTARAMA 2017

Ku wa 17 Mutarama 2017, mu cyumba cy'Inteko Rusange ya Sena habereye inama nyunguranabitekerezo ku miterere y'ibyaha byambukiranya imipaka n'ingamba zo guhangana na byo, yateguwe na Sena.

Inama yatangijwe na Perezida wa Sena Bernard MAKUZA, wibukije impamvu Sena yatekereje kuri iyi nama nyunguranabitekerezo n'umusaruro uyitegerejweho. Iyi nama yitabiriwe n'abayobozi b'inzego zinyuranye barimo Abaminisitiri, Guverineri wungirije wa Banki Nkuru y'u Rwanda, Abahagarariye inzego z'umutekano, Abayobozi b'Ibigo bya Leta n'iby'abikorera, abayobozi b'Uturere n'abandi.

Muri iyi nama hatanzwe ibiganiro bitatu bikurikira:

- **Imiterere y'ibyaha byambukiranya imipaka muri rusange (General presentation on Transnational Crimes),** cyatanzwe n'uhagarariye RNP.

- **Ibyaha byambukiranya imipaka mu bukungu n'ikoranabuhanga (Economic transnational crimes and cybercrimes),** cyatanzwe n'abahagarariye RURA na BNR.

- **Ibindi byaha byambukiranya imipaka (Other transnational crimes)**, cyatanzwe n'abahagarariye MIGEPROF, MINIJUST n'Urwego Rushinzwe Abinjira n'Abasohoka.

Muri ibi biganiro hibanzwe ku byaha byambukiranya imipaka birimo iterabwoba, icuruzwa ry'abantu, icuruzwa ry'ibiyobyabwenge, icuruzwa ry'intwaro mu buryo butemewe, ubucuruzi bw'amafaranga butemewe, ibyaha bikorerwa ku bidukikije, ibicuruzwa n'imiti by'ibyiganano, iyezandonke n'ibyaha bikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, abitabiriye inama bemeje ko imyanzuro ikurikira igezwa kuri Guverinoma:

1. Gushyiraho ibipimo rusange by'ubuziranenge bikoreshwa n'inzego zitandukanye zifite aho zihurira n'ubuziranenge bw'ibicuruzwa bikoreshwa mu gihugu hagamijwe guhangana, gukumira no guhana ibyaha byambukiranya imipaka;

2. Gukora ubukangurambaga, ku bufatanye n'Inteko Ishinga Amategeko, inzego z'umutekano, inzego z'ibanze n'Itangazamakuru ku miterere, ububi n'ingaruka z'ibyaha byambukiranya imipaka muri rusange;

3. Gushyiraho uburyo bwo kurwanya ubucuruzi bw'amafaranga butemewe;

4. Gushyiraho amategeko (cadre juridique), haba ku rwego rw'Igihugu no ku rwego mpuzamahanga, cyangwa hagati y'Ibihugu; no guhuza amategeko n'ibipimo mpuzamahanga (standards), ndetse no guhuza amategeko y'Igihugu n'Amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rufitanye n'ibindi bihugu;

5. Gusaba ibigo by'itumanaho koranabuhanga gushyiraho gahunda ihoraho yo gusobanurira abafatabuguzi babyo imikoreshereze y'itumanaho kugira ngo birinde ingaruka n'ibyaha bikorerwa mu itumanaho;

6. Hashingiwe ku Itegeko N° 24/2016 ryo ku wa 18/06/2016 rigenga Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi n'Itumanaho, gushyiraho amabwiriza agenga kwamamaza hakoreshejwe imirongo ya telefone zigendanwa;

7. Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana abantu bifashisha ikoranabuhanga bagakora ibyaha birimo guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, gusebanya n'ibindi;

8. Gukomeza guteza imbere ikoranabuhanga mu bikorwa byo gukumira ibyaha byambukiranya imipaka no kurinda umutekano w'Igihugu muri rusange hongerwa ubushobozi n'ubumenyi by'abakozi bafite mu nshingano gukumira no gukurikirana ibyaha byambukiranya imipaka, no gukomeza kongera ibikoresho by'inzego zitandukanye;

9. Gusaba kwihutisha itorwa ry'itegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ihiganwa n'Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge (RICA);

10. Kugena uburyo bwo gufasha no kugoboka abajyanywe mu icuruzwa ry'abantu, mu rwego rwo kubagarura mu gihugu, kubavura, kubasubiza mu buzima busanzwe no kubasubiza agaciro;

11. Gukora ubushakashatsi buhoraho ku mihindagurikire y'isura y'ibyaha byambukiranya imipaka cyane cyane ibishingiye ku ikoranabuhanga;

12. Gukomeza gukangurira ababyeyi kwita ku burere bw'abana mu rugo no ku ishuri hagamijwe kurinda urubyiruko ibyaha byambukiranya imipaka hakoreshejwe ikoranabuhanga.

Bikorewe i Kigali, ku wa 17 Mutarama 2017.